AHANTU NYABURANGA MU KARERE KA NYAMASHEKE

Ibigabiro by'Umwami Rwabugiri

Ibi bigabiro biri mu Mudugudu wa Gikuyu, Akagari ka Ninzi mu Murenge wa Kagano, hahoze hari Umuturirwa w'Umwami Rwabugiri.

Niho Umwami Rwabugiri yahagurukiraga agiye gutabara mu gihe yafataga icyirwa cy'Ijwi. Kuri ubu hari n'ibigabiro bya kera. Umwami Rwabugiri yari anafite urundi rugo ku Kabunyoni ka Nyamirundi, mu Murenge wa Nyabitekeri.

Umwaro w'Umwami

Mu Mataba ya Nyamasheke, mu Mudugudu wa Gikuyu, Akagari ka Ninzi, ho hagaragara umwaro w'Umwami Rwabugiri yatsikagaho ubwato bwe avuye ku rugamba. Kuri uyu mwaro niho yazaga kogera.

Akarwa k'abakobwa

Abakobwa babaga batwaye inda z'indaro mu Rwanda bahabwaga igihano cyo gutabwa mu Kivu ku karwa kari i Nyamasheke. Iki gihano cyabaga gikomeye cyane, bigatuma abakobwa babyiruka batinya kugwa mu mutego wo kuba batwara inda z'indaro. Bijya bivugwa ko abakobwa benshi bahajugunywaga, bagiye batwarwa n'abashi b'i Kongo yari Ubunyabungo n'Ubuhavu bakabajyana kubarongora bakabatunga bakabagira abagore babo.

I Kigaga muri Shangi

I Kigaga mu Murenge wa Shangi, ho hahoze ikigo cy'Abasirikare b'Abadage, hakanabera urugamba rw'Ingabo z'Umwami Rwabugiri n'Ababiligi, maze Bisangwa bya Bigombituri wari umugaba wazo arahagwa.

Kuri ubu uhasanga inzu y'umwe mu bahoze ari abasiririkare b'Abadage, n'aho Resida wa mbere w'U Rwanda, Richard Kandt, wageze mu Rwanda mu 1898 akanashinga Umurwa wa Kigali yabanje gutura akinjira mu Rwanda.

I Shangi hanagaragara ikibuga cy'umupira w'amaguru cyaciwe n'umutware Bideri wayoboraga Impala mu myaka y'1940, hakiniraga ikipe y' Integagituza za Gakoko ka Shamurenzi w'i Shangi n'iy'Utunyoni.

Amacukiro y'Inka z'umwami

Ku nkengero y'ikiyaga cya Kivu ho kera habaga hatekeye Inzishwa (inka zagendanaga n'umwami zikamukamirwa.)

Hakungahaye ku ifumbire usanga abahaturiye baza gutwara ubutaka bugizwe n'ifumbire bakabufumbiza imirima yabo. Umwami Ruganzu II Ndoli yari ahafite ikibuguzo cyabaga mu mazi.

Kayenzi ka Ruganzu

Umwami Ruganzu II Ndoli iyo yabaga agiye ku rugamba gutabara ku ijwi niho yaturukaga.

Kaduha ka Nyamirundi

Umwami yahahagurukiraga ajya gutera Ubunyabungo mu Rugendo na Shungwe, muri Kongo.

Ku Ntango

Ku Ntango ni ho haterekwagamo intango banywaga bavuye gutabara ku rugamba.

Umuyobozi w'akarere ka Nyamasheke, Habyarimana Jean Baptiste, yabwiye IGIHE ko inyigo z'aha hantu zarangiye, bityo n'abashoramari bari gushishikarizwa kuhashora imari, ariko bakazafatanya n'Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere by'umwihariko ishami rya Pariki ya Nyungwe kuhateza imbere, bityo abasura Pariki bakajya banasura aha hantu ndangamateka.

Ati: "Hakozwe igishushanyo mbonera cy'ubukerarugendo cy'Akarere, inyigo yararangiye, yunganirwa n'iyubukerarugendo ku rwego rw'Igihugu, hamwe n'iya Kivu Belt izateza ubukerarugendo imbere ku nkengero z'ikiyaga cya Kivu."

Meya Habyarimana yongeraho ko ubu bari gutegura ku bufatanye na UNESCO, na Minisiteri ifite Umuco mu nshingano zayo, kureba ibizaherwaho mu kubishyira mu bikorwa, mu kubaka no gutunganya aho hantu. Ati: "Tuzakorana na Pariki ya Nyungwe aha hantu hazongerwe mu hasurwa na ba mukerarugendo bayisura."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke, anavuga ko kuri ubu aho umuhanda wa kaburimbo wa Nyamasheke Rusizi watangiriye kubakwa, abashoramari mu bukerarugendo bwo kubaka amahotel nabo bagenda baboneka, bityo bakaba bafite

icyizere ko ubukerarugendo bushingiye ku muco n’amateka nabwo buzatezwa imbere.

Habyarimana anishimira ko aha hantu hazwi, kandi abashoramari berekwa inyigo y’ibyo bakora haba hafi y’ahari ibyo bikorwa ndetse no ku nkengero z’i Kivu, bagashima kao muri gahunda y’imbaturabukungu yatangiye bizeye ko ubukerarugendo muri aka karere buzongera umusaruro ku wari usanzweho.

Hambere aabanyarwanda bakundaga guhura bagasangira intango y'inzoga, babikoraga bavuye no ku rugamba

Ikiyaga cya Kivu i Nyamasheke habaga akarwa barohagamo abakobwa batwaye inda z'indaro